**IKICARO GIKURU CYA KILIZIYA KU ISI**

# *UBUTUMWA BWA NYIRUBUTUNGANE PAPA LEWO XIV BWO KU MUNSI MPUZAMAHANGA WA BA SOGOKURU NA BA NYOGOKURU N'ABAGEZE MU ZA BUKURU, WIZIHIZWA KU NSHURO YA 6, TALIKI 26 NYAKANGA 2026*

***"Sinzigera nkwibagirwa" (Iz 49,15)***

*Bavandimwe nkunda,*

Uhoraho yavugishije Umuhanuzi Izayi ko atazigera yibagirwa n'umwe muri twe. Atwizeza ko ishusho ya buri wese imuhora imbere (reba Iz 49,16) kandi ko urukundo rwe rusumba urw'umubyeyi agirira umwana we (reba Iz 49,15). Umuhanuzi aduha urubuga rwo gukurikirana ikiganiro, aho Imana ibwira buri wese ndetse ikabwira n'umuryango wose ikoresheje akajambo « wowe ». No muri iki gihe, dushobora gusoma aya magambo nk'uko yandikiwe buri wese muri twe, kandi buri wese ashobora kumva ko ubu butumwa, «Sinzigera nkwibagirwa», bumugenewe.

Aya ni amagambo aturemamo ihumure n'amizero. Ni igisubizo ku bibazo biremerera umutima kandi biteye ubwoba dukunze kwibaza, aho tuvuga tuti: «Uhoraho yarantereranye, Nyagasani yaranyibagiwe» (Iz 49,14). Akenshi, mu Byanditswe bitagatifu, by'umwihariko muri Zaburi, isengesho rituruka ku mage umuntu aba arimo akumva ko akababaro ke ntawe gashishikaje, ndetse ko nta we umwitayeho. Intimba umuntu yiyumvamo ikuruwe no gutekereza ko yaba yaribagiranye, abantu benshi barayisangiye, cyane cyane abageze mu zabukuru.

Urukundo rw'Imana, rutagira uwo ruheza, rwigaragaza nk'igikorwa cy'ubutabera ndetse n'igisubizo ku muntu ubaho ameze nk'intamenyekana bikarangira abuze icyerekezo. Igitambaro gisa nk'igitwikiriye ubuzima bw'abantu benshi bageze mu zabukuru, gihanagura ibiranga isura yabo bikarangira kibabereye impamvu yo kwibagirana. Ni nabyo biba mu ngo ziganjemo ubwigunge no mu bigo byita ku barwayi aho usanga ubwigunge bwa buri murwayi buhuzwa no kumenya nimero y'igitanda cye cyangwa nimero yo kwivurizaho.

Kwizihiza umunsi mukuru wa ba sogokuru, ba nyogokuru n'abageze mu zabukuru ni umwanya wo kwibukiranya ko Kiliziya ihamagariwe kuba umubyeyi wa bose, ndetse no mu bigero bitandukanye by'imyaka kugira ngo abantu biyumvemo ko ari abana b'Imana. Ndasaba ko uyu munsi ugarura imbaraga mu bantu bose, by'umwihariko mu rubyiruko, zo gusura abageze mu zabukuru bo mu muryango ndetse n'abatagira ababasura. Binyuze muri ubu butumwa ndetse no mu bwitange bwanyu, nimubagaragarize ko mubari hafi kandi ko Papa abakunda. Mukore ibishoboka byose kugira ngo amagambo y'umuhanuzi, «Sinzigera nkwibagirwa», abe ikimenyetso cyo kubagaragariza ubwuzu n'urukundo. Mu gihe isi ya none irangwa no kwihutisha byose no kutarangiza neza ibyatangiye, umubiri w'umuntu uhora ukenera kuvurwa no kwitabwaho n'ibiganza byuje ubwuzu, umutima mwiza n'amagambo meza.

Ikoranabuhanga rigezweho rifasha abantu kuvugana no kungurana ibitekerezo, bigafatwa nk'aho basuranye, nyamara umutima w'umuntu ugumana inyota ndasimburwa yo guhura imbonankubone n'uwo ukeneye. *(Urwandiko Magnifica humanitas, n.239)*.

Kiliziya izirikana ububabare bw'abana bayo bageze mu zabukuru; Kiliziya izi ko bavugwaho byinshi ndetse bakanafatwa nk'umutwaro; izi neza ko ubukungu bushingiye ku nyungu bugabanya umubano w'imiryango; izi ko abantu benshi bageze mu zabukuru batereranywe n'abana babo, bagahatirwa kwimuka cyangwa rimwe na rimwe bakajya ku rugamba. Kubera imwe muri izo mpamvu, yishimira kwamamaza isezerano rya Nyagasani: «Sinzigera nkwibagirwa!»

Ni ibyishimo, mu myaka iyo ari yo yose, ariko cyane cyane iyo umuntu atakiri muto, gutahura, nk'uko Umuhire Yohani Pawulo wa I yabivuze, ko "turi abagenerwarukundo ruzira igitotsi rw'Imana. Turabizi: buri gihe aduhozaho ijisho ndetse n'igihe tuba tumeze nk'abari mu mwijima w'icuraburindi. Ni Data; ndetse birenze, ni Mama" (Angelus, 10 Nzeri 1978). Nubwo bidahita byumvikana, ikiri ukuri ni uko, no mu zabukuru, tutigera duhwema kuba abana, niyo mpamvu ubutumire bwo kugaruka mu biganza by'Imana, yo ifite urukundo rwa data ikagira n'urwa mama, buhorana agaciro.

Kuri benshi, ubwuzu bw'Imana bwigaragaza mu buzima bwose, rimwe na rimwe ndetse no mu bihe bya nyuma byo kuba kuri iyi si. Mu by'ukuri, bitandukanye no mu bihe byashize, bikunze kubaho ko umuntu yasaza ataragira ukwemera. Muri icyo gihe, ubukure bufatiye ku bibazo umuntu yibaza muri icyo gihe, bwashobora kutubera umwanya uboneye wo gutangira cyangwa gusubukura ubuzima bwa roho. Muri iyi nzira nshya, umuntu ashobora kumenya ko Imana, nk'uko Mutagatifu Agusitini abivuga, ari «umubyeyi kuko ifubika, kuko igabura, kuko yonsa, kuko irinda abayo». Gusubiza ubwenge ku gihe nibyo bifasha

kutagira ipfunwe kubera intege nke zigarara ndetse no kumva ko twese, burigihe, dukeneranye kandi ko twese dukeneye kwitabwaho no kuvurwa. Dushobora kuganira n'Imana mu isengesho ry'uje ukwizera kubera ko Imana yatwiyegereje bigatuma tumenya ubuntu bwayo. Nta na rimwe umutu yavuga ko yakererewe mu kuganira nayo. Iyi ishobora kuba impano ikomeye kuri buri wese.

Nshuti bavandimwe mugeze mu zabukuru, Papa Fransisiko yabavugaga nk'aho muri « umuryango mushya », kubera ko nta kindi gihe mu mateka ya muntu twigeze tugira umubare munini w'abakuze kuri uru rugero. Ni ngombwa rero, kuruta ikindi gihe cyose, kungurana ibitekerezo na mwe, muryango mushya », uko twakwitwara mu muhamagaro wacu mu gihe cy'intege nke, zimwe tugendana kuva ku munsi w'amavuko, mu gihe noneho zizaba zifite ijambo rikomeye kuri twe. Nimureke mbabwire: ntimukagire ubwoba bwo kuba abanyantege nke! Izi ntege nke zifitemo ubundi bubasha bwo kumurikira ibindi byiciro by'ubuzima. Iyo umuntu yashoboye kubyumva kandi akiyakira, intege nke « zifungurira umutima gufashanya n'abandi ndetse no gutakambira ushobora gutanga ibirenze ubushobozi bwa muntu: ubwiyunge bw'imitima n'amahoro y'ukuri.
Mubyukuri, umugabo n'umugore bashobora kongera kuvuka mu gihe cy'izabukuru (reba Yh 3,4-6) ndetse amagambo y'Umuhanuzi Izayi bakayagira ayabo : «Muzakizwa n'uko mungarukiye kandi mugacisha make. Muzaterwa imbaraga n'uko mutuje kandi mukanyizera! » Imbaraga nke zishobora guhinduka impamvu yo kutirukira mu guharanira ibyubahiro n'ububasha kugira ngo umubano ushoboke, ahubwo igikenewe ni ubwiyunge n'amahoro arambye. Muri iki gihe, cyaranzwe cyane n'intambara n'urugomo, abantu benshi bibaza uko isi bazaraga abuzukuru babo izaba imeze. Ndabasaba, bavandimwe nkunda, kwifatanya nanjye, dusenge dukomeje kugira ngo amahoro asakare mu isi hose bidatinze.

Nshuti bavandimwe mugeze mu zabukuru, ndabashimira ko mumfasha buri munsi munsabira, cyane cyane iyo muvuga rozari. Nanjye mbasabira n'umutima wanjye wose ndetse dore icyo mbifuriza: Nyagasani abahe kwivugurura buri munsi mu kwemera, ukwizera n'urukundo we utigera atwibagirwa bibaho !

*Bikorewe i Vatikani, ku wa 15 Kamena 2026.*

*Papa Lewo XIV*